Ku izina rya Allah, Nyir'impuhwe, Nyir'imbabazi.UBUSABE BWIFASHISHWA MU GUSINGIZA ALLAH MU GITONDO NA NIMUGOROBA.

(الم * (Alif Laam Miim.
ذَلِكَ الْكِتَابُ لا رَيْبَ فِيهِ هُدىً لِلْمُتَّقِينَ * Icyo ni igitabo (Qur’an) kidashidikanywaho, kikaba umuyoboro ku batinyamana.الَّذِينَ يُؤْمِنُونَ بِالْغَيْبِ وَيُقِيمُونَ الصَّلاةَ وَمِمَّا رَزَقْنَاهُمْ يُنْفِقُونَ * Babandi bemera ibitagaragara (byahanuwe), bagahozaho iswala  (z’itegeko)kandi bagatangamu byo twabahaye.وَالَّذِينَ يُؤْمِنُونَ بِمَا أُنْزِلَ إِلَيْكَ وَمَا أُنْزِلَ مِنْ قَبْلِكَ وَبِالْآخِرَةِ هُمْ يُوقِنُونَ * Ni nabo bemera ibyo (wowe Muhamadi) wahishuriwe (Qur’an n’imigenzo y’Intumwa), bakanemera ibyahishuwe mbere yawe (ibitabo byahishuriwe Intumwa zakubanjirije), ndetse bakemera imperuka badashidikanya.(أُولَئِكَ عَلَى هُدىً مِنْ رَبِّهِمْ وَأُولَئِكَ هُمُ الْمُفْلِحُونَ). Abo ni bo bari mu nzira iboneye yagenwe na Nyagasani wabo, kandi ni bo bakiranutsi.Surat Al Baqarat Ayat 1-5.

(اللَّهُ لا إِلَهَ إِلا هُوَ الْحَيُّ الْقَيُّومُ لا تَأْخُذُهُ سِنَةٌ وَلا نَوْمٌ لَهُ مَا فِي السَّمَاوَاتِ وَمَا فِي الأَرْضِ مَنْ ذَا الَّذِي يَشْفَعُ عِنْدَهُ إِلا بِإِذْنِهِ يَعْلَمُ مَا بَيْنَ أَيْدِيهِمْ وَمَا خَلْفَهُمْ وَلا يُحِيطُونَ بِشَيْءٍ مِنْ عِلْمِهِ إِلا بِمَا شَاءَ وَسِعَ كُرْسِيُّهُ السَّمَوَاتِ وَالأَرْضَ وَلا يَؤُودُهُ حِفْظُهُمَا وَهُوَ الْعَلِيُّ الْعَظِيمُ). Allah(niwe Mana y’ukuri) nta yindi mana ikwiye gusengwa by’ukuri uretse We, Uhoraho (Nyirubuzima bwuzuye buzira inenge), Uwigize, akanabeshaho ibiriho byose. Ntafatwa no guhunyiza habe n’ibitotsi. Ibiri mu birere n’ibiri mu isi ni ibye. Ni inde wagira uwo avuganira iwe uretse ku burenganzira bwe? Azi ibyababayeho (ku isi) n’ibizababaho (ku mperuka). Kandi nta n’icyo bamenya mu bumenyi bwe uretse icyo ashaka. Kursiyu  ye ikwiriye ibirere n’isi, kandintananizwa no kubirinda (ibirere n’isi). Ni na We Uwikirenga, Uhambaye.
Ayat Al Kur'siy 255 Surat Al Baqarat.

(آمَنَ الرَّسُولُ بِمَا أُنْزِلَ إِلَيْهِ مِنْ رَبِّهِ وَالْمُؤْمِنُونَ كُلٌّ آمَنَ بِاللَّهِ وَمَلائِكَتِهِ وَكُتُبِهِ وَرُسُلِهِ لا نُفَرِّقُ بَيْنَ أَحَدٍ مِنْ رُسُلِهِ وَقَالُوا سَمِعْنَا وَأَطَعْنَا غُفْرَانَكَ رَبَّنَا وَإِلَيْكَ الْمَصِير * Intumwa (Muhamadi) yemeye ibyoyahishuriwe biturutse kwa Nyagasani wayo ndetse n’abemera (barabyemeye). Bose bemeyeAllah, abamalayika be, ibitabo byen’Intumwa ze; (bavuga bati) “Nta n’imwe turobanura mu Ntumwa ze.” Baranavuga bati “Twumvise kandi twumviye. Turagusaba imbabazi, Nyagasani wacu! Kandi iwawe ni ho byose bizasubira.”

(لا يُكَلِّفُ اللَّهُ نَفْساً إِلا وُسْعَهَا لَهَا مَا كَسَبَتْ وَعَلَيْهَا مَا اكْتَسَبَتْ رَبَّنَا لا تُؤَاخِذْنَا إِنْ نَسِينَا أَوْ أَخْطَأْنَا رَبَّنَا وَلا تَحْمِلْ عَلَيْنَا إِصْراً كَمَا حَمَلْتَهُ عَلَى الَّذِينَ مِنْ قَبْلِنَا رَبَّنَا وَلا تُحَمِّلْنَا مَا لا طَاقَةَ لَنَا بِهِ وَاعْفُ عَنَّا وَاغْفِرْ لَنَا وَارْحَمْنَا أَنْتَ مَوْلانَا فَانْصُرْنَا عَلَى الْقَوْمِ الْكَافِرِينَ). Allah ntawe ategeka icyo adashoboye. (Umuntu) ahemberwa ibyo yakoze akanahanirwa ibyo yakoze. Nyagasani wacu! Ntuzaduhore ibyo twibagiwe (gukora) cyangwa (ibyo twakoze) twibeshye. Nyagasani wacu! Ntuzatwikoreze umutwaro nk’uko wawikoreje abatubanjirije. Nyagasani wacu! Ntuzatwikoreze ibyo tudashoboye. Tubababarire, udukize ibyaha kandi utugirire impuhwe. Ni wowe Mugenga wacu, dutabare uduhe gutsinda abahakanyi.Surat Al Baqarat Ayat 285-286

(حم * Haa  Miimu
تَنْزِيلُ الْكِتَابِ مِنَ اللَّهِ الْعَزِيزِ الْعَلِيمِ * Ihishurwa ry’igitabo (Qur’an) rituruka kuriAllah, Umunyacyubahiro bihebuje, Umumenyi uhebuje,(غَافِرِ الذَّنْبِ وَقَابِلِ التَّوْبِ شَدِيدِ الْعِقَابِ ذِي الطَّوْلِ لا إِلَهَ إِلَّا هُوَ إِلَيْهِ الْمَصِيرُ). Ubabarira ibyaha, Uwakira ukwicuza,  Nyiribihano  bikaze, Nyirinema. Nta yindi mana ibaho itari We, kandi Iwe ni ho garukiro.Surat Ghafir Ayat 1-3.

(هُوَ اللَّهُ الَّذِي لا إِلَهَ إِلا هُوَ عَالِمُ الْغَيْبِ وَالشَّهَادَةِ هُوَ الرَّحْمَنُ الرَّحِيمُ * Ni Allah, nta yindi mana ibaho itari We. Umumenyi w’ibitagaragara ndetse n’ibigaragara. Ni Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi.
هُوَ اللَّهُ الَّذِي لا إِلَهَ إِلا هُوَ الْمَلِكُ الْقُدُّوسُ السَّلامُ الْمُؤْمِنُ الْمُهَيْمِنُ الْعَزِيزُ الْجَبَّارُ الْمُتَكَبِّرُ سُبْحَانَ اللَّهِ عَمَّا يُشْرِكُونَ * Ni Allah, nta yindi mana ibaho itari We; Umwami, Umutagatifu, Umuziranenge, Umwishingizi, Umugenzuzi, Umunyacyubahiro uhebuje, Umunyembaraga bihebuje, Ukwiye ikuzo. Ubutagatifu ni ubwaAllah, ntaho ahuriye n’ibyo bamubangikanya nabyo.(هُوَ اللَّهُ الْخَالِقُ الْبَارِئُ الْمُصَوِّرُ لَهُ الأَسْمَاءُ الْحُسْنَى يُسَبِّحُ لَهُ مَا فِي السَّمَاوَاتِ وَالأَرْضِ وَهُوَ الْعَزِيزُ الْحَكِيم).
NiAllah, Umuremyi, Umuhanzi, Utanga ishusho. Afite amazina meza. Ibiri mu birere n’isi biramusingiza, kandi ni Umunyacyubahiro uhebuje, Nyirubugenge buhambaye.Surat Al Hash'ri Ayat 22-24.

(قُلْ هُوَ اللَّهُ أَحَدٌ) Vuga (yewe Muhamadi) uti “We ni Allah, umwe Rukumbi,”
(قُلْ أَعُوذُ بِرَبِّ الْفَلَقِ) Vuga (yewe Muhamadi) uti “Niragije (Allah), Nyagasani w’umuseke”,(قُلْ أَعُوذُ بِرَبِّ النَّاسِ).
Vuga (yewe Muhamadi) uti “Niragije (Allah),Nyagasani w’abantu,”Izi Surat zose zisomwa inshuro eshatu eshatu.

AUDHU BIKALIMATILAHI TAMAT MIN SHARI MA KHALAQA: Nikinze ku magambo ya Allah yuzuye kugira ngo andinde ibibi by'ibyo yaremye.
Akabivuga (inshuro eshatu)

BISMILLAHI LADHI LA YADWURU MA'A SMIHI SHAY'UN FIL AR'DWI WA LA FI SAMA-I WA HUWA A-SAMI'UL ALIM: Niragije izina rya Allah ryo iyo rivuzwe nta kibi gishobora kubaho ku isi cyangwa se mu kirere, kandi Allah ni Uwumva cyane buri kimwe Umumenyi uhebuje.
Ukabivuga (inshuro eshatu)

RADWIITU BILLAH RABAN, WA BIL ISLAMI DIINAN, WA BIMUHAMADIN SWALALLAHU ALAYHI WA SALAMA NABIYAN: Nishimiye ko Allah ari we Mana yanjye, na Isilamu ko ari yo dini yanjye, na Muhamad (Imana imuhe amahoro n'imigisha) ko ari we Ntumwa yanjye.

(Inshuro eshatu)
ASW'BAH'NA WA ASW'BAHAL MULKU LILLAH, WAL HAMDU LILLAHI, LA ILAHA ILA LLAHU WAH'DAHU LA SHARIKA LAHU, LAHUL MUL'KU, WA LAHUL HAM'DU, WA HUWA ALA KULI SHAY'IN QADIR. RABI AS'ALUKA KHAY'RA MA FI HADHAL YAW'MI WA KHAY'RA MA BA'ADAHU, WA AUDHU BIKA MIN'SHARI MA FI HADHAL YAWUMI WA SHARI MA BA'ADAHU. RABI AUDHU BIKA MINAL KASALI WAL HARAMI WU SU-IL KIBARI, WA AUDHU BIKA MIN ADHABI NAR WA ADHABIL QAB'RI:Turamutse ubutware bwose ari ubwa Allah, kandi Allah niwe ukwiye gushimwa nta yindi mana ibaho ikwiye gusengwa by'ukuri uretse Allah wenyine utagira umufasha cyangwa uwo babangikanye, niwe Nyir'ubwami bwose, ni nawe ukwiye gushimwa n'ibisingizo byuzuye, kandi ni nawe ufite ubushobozi kuri buri kintu .Mana Nyagasani murezi wanjye ndagusaba ibyiza byose biri muri uyu munsi n'ibyiza byose biri mu minsi izawukurikira, kandi Mana nkwikinzeho ngo undinde ibibi byose biri muri uyu munsi n'ibibi biri mu minsi izawukurikira. Mana Nyagasani Muremyi wanjye ndagusaba ngo undinde ubunebwe no gusaza nabi, Mana Nyagasani nkwikinzeho kandi ngo undinde ibihano byo mu muriro utazima ndetse ngo unandinde ibihano byo mu mva."
N'iyo bugorobye aravuga ati:AMSAYNA WA AMSAL MULKU LILLAH: Bugorobye ubwami n'ubutware ari ibya Allah.Akanongeraho amagambo agira ati:RABI AS'ALUKA KHAY'RA MA FI HADHIHI LAY'LAT: Mana Nyagasani ndagusaba ibyiza biri muri iri joro...Kugeza ageze ku musozo w'ubu busabe. akabisimbuza aho yavuze ati (ASW'BAH'NA WA ASW'BAHA: Turamutse ubwami bwose n'ubutware ari ibya Allah) ndetse n'aho bavuga bati (AN HADHAL YAWUMA: By'uyu munsi)
ALLAHUMA BIKA ASWBAHNA, WABIKA AMSAYNA, WABIKA NAHYA, WABIKA NAMUTU, WA ILAYKA NUSHUR: Mana turamutse kubera wowe, ninawe utugejeje uyu mugoroba, Mana turiho kubera wowe, dupfa kubera wowe, kandi iwawe niho tuzazukira.
Byaba nimugoroba akavuga ati:N'iyo bugorobye aravuga ati: ALLAHUMA BIKA AMSAYNA, WA BIKA ASW'BAH'NA, WA BIKA NAH'YA, WA BIKA NAMUTU, WA ILAYKAL MASWIIR: Mana Nyagasani tugeze ku mugoroba ku bwawe, no ku bwawe turi buramuke, no ku bwawe turiho, no ku bwawe tuzapfa, kandi iwawe niho hari igarukira rya byose.
ALLAHUMA MA ASW'BAHA BII MIN NI'IMATIN AW BI AHADIN MIN KHAL'QIKA, FAMIN'KA WAH'DAKA LA SHARIKA LAKA, FALAKAL HAMDU WA LAKA SHUK'RU: Mana Nyagasani, inema zose ndamukanye cyangwa se iz'uwo ari we wese mu biremwa byawe aramukanye, zose zituruka iwawe wenyine, ntufite uwo mubangikanye, ni wowe Nyir'ikuzo Nyir'ishimwe.
Byaba nimugoroba akavuga ati:MA AM'SAA BII...: Inema zose ngorobezanyije...
ALLAHUMA INI ASW'BAH'TU FI NI'IMATIN WA AFIYAT WA SIT'RIN; FA ATIMI NI'IMATIKA ALAYA WA AFIYATIKA WA SIT'RIKA FI DUN'YA WAL AKHIRAT: Mana Nyagasani ndamukanye inema zawe n'ubuzima buzira umuze no kumpishira kwawe, none nyuzuriza izo nema zawe wampundagajeho n'uko kumpishira kwawe, haba hano ku isi ndetse no ku munsi w'imperuka!
(Inshuro eshatu)Byaba nimugoroba akavuga ati:ALLAHUMA INI AM'SAYTU: Mana Nyagasani bugorobye ...Kugeza ku musozo
ALLAHUMA INI AUDHUBIKA MINAL HAMI WAL HAZANI, WAL ADJ'ZI WAL KASALI, WAL BUKH'LI WAL DJUB'NI, WA DWAL'I DAYNI WA GHALABATI RIDJALI: Mana Nyagasani nkwikinzeho ngo undinde umuhanganyiko n'agahinda, no kunanirwa ndetse n'ubunebwe, n'ubugugu n'ubugwari, no kunanirwa kwishyura ideni, ndetse no gutsindwa n'abantu.
ALLAHUMA INI AS'ALUKAL A'AF'WA WAL AFIYAT FII DIINII WA DUNIYAYA, WA AH'LII WA MALII. ALLAHUMA US'TUR A'AWRAATII WA AMIN RAWU'ATII. ALLAHUMA IH'FADHW'NII MIN BAYNI YADAYA WA MIN KHAL'FII, WA A'AN YAMIINII, WA AN SHIMALII, WA MIN FAW'QII, WA AUDHU BIADHWAMATIKA AN UGH'TAALA MIN TAH'TII: Mana Nyagasani ndagusaba ngo ungirire impuhwe unampe ubuzima bwiza muri iyi si, no ku munsi w'imperuka. Mana Nyagasani ndagusaba ko wangirira impuhwe ukampa n'ubuzima bwiza mu idini ryanjye, no mu isi yanjye no mu muryango wanjye ndetse no mu mutungo wanjye. Mana Nyagasani mpishira ubwambure bwanjye, unampe gutekana mu binteye ubwoba! Mana Nyagasani ndinda (ingorane n'ibibi) biri imbere yanjye, n'ibiri inyuma yanjye, n'ibiri iburyo bwanjye n' ibiri ibumoso bwanjye, n'ibiri hejuru yanjye kandi nkwikinzeho Mana ku bw'ubuhangange bwawe ngo undinde ikibi gishobora guturuka munsi yanjye.
ALLAHUMA ANTA RABI LA ILAHA ILA ANTA KHALAQ'TANI WA ANA AB'DUKA, WA ANA ALA AH'DIKA WA WA'DIKA MASTATWA'ATU, AUDHU BIKA MIN SHARI MA SWANA'ATU, ABUU- U LAKA BINI'IMATIKA ALAYA WA ABUU- U BIDHANBII FAGH'FIR LII, FA INAHU LA YAGH'FIRU DHUNUBA ILA ANTA: "Mana ni Wowe Nyagasani wanjye. Nta yindi mana ibaho itari wowe. Warandemye nanjye ndi umugaragu wawe. Nubahiriza isezerano ryawe n'ibyo nakwemereye uko nshoboye kose. Nkwikinzeho

ngo undinde ibibi nakoze. Nemera inema zawe kuri njye, ndetse nemera ibyaha byanjye; none mbabarira kuko nta wundi ubabarira ibyaha utari Wowe.
ALLAHUMA ALIMAL GHAYBI WA SHAHADAT, FATWIRAT SAMAWATI WAL AR'DWI, RABA KULI SHAY'IN WA MALIKAHU, ASH'HADU AN LA ILAHA ILA ANTA. AUDHUBIKA MIN SHARI NAF'SII, WA MIN SHARI SHAYTWANI WA SHAR'KIHI, WA AN AQ'TARIFA ALA NAF'SII SU'AN AW ADJURAHU ILA MUS'LIMIN: Mana Nyagasani, umumenyi w'ibyihishe n'ibigaragara, umuhanzi w'ibirere n'isi, Nyagasani wa buri kintu cyose akaba ari nawe mugenga wacyo, ndahamya ko nta yindi mana ibaho ikwiye gusengwa by'ukuri uretse wowe wenyine, nkwikinzeho ngo undinde ibibi by'umutima wanjye, unandinde ibibi bya Shaytwani n'abambari bayo, ndetse unandinde kuba nagira ikibi nkora, cyangwa se nkagikorera undi muyisilamu.
ALLAHUMA INI ASW'BAH'TU [110] USH'HIDUKA, WA USH'HIDU HAMALATA AR'SHIKA, WA MALAIKATIKA, WA DJAMI'A KHAL'QIKA ANAKA ANTA LLAH LA ILAHA ILA ANTA WAH'DAKA LA SHARIKA LAKA, WA ANA MUHAMADAN ABDUKA WA RASULUKA: Mana Nyagasani, ndamutse ngutangaho umuhamya, no ku bamalayika bateruye Ar'shi yawe y'icyubahiro, no ku bandi bamalayika bawe, no ku biremwa byawe byose ko ari wowe Mana imwe rukumbi yo idafite uwo ibangikanye nawe, nanahamya kandi ko Muhamadi ari Intumwa ya Allah akaba n'umugaragu we.
Byagera ku mugoroba akavuga ati:ALLAHUMA INI AM'SAY'TU: Mana Nyagasani, ngejeje ku mugoroba ngutangaho umuhamya,....Kugeza ku musozo (akabivuga inshuro enye)
LA ILAHA ILALLAHU WAH'DAHU LA SHARIKA LAHU LAHUL MUL'KU WA LAHUL HAMDU WA HUWA ALA KULI SHAY'IN QADIIR: Nta yindi mana ikwiye gusengwa by'ukuri uretse Imana imwe rukumbi Allah, we udafite uwo babangikanye, niwe Nyir'ubwami n'ikuzo, kandi niwe ufite ubushobozi kuri buri kintu. (Inshuro ijana) mu gitondo na nimugoroba.
HASBIYALLAHU LA ILAHA ILA HUWA ALAYHI TAWAKALTU WA HUWA RABUL ARSHIL ADHWIIM: Allah we nta yindi mana ikwiye gusengwa by'ukuri uretse We arampagije, ni We niringiye, kandi ni We Nyagasani wa Ar’shi ihambaye.
(Inshuro zirindwi).
HAS'BIYALLAHU WA KAFA, SAMI'ALLAHU LIMAN DA'A, LAY'SA WARA-ALLAHI MAR'MA: Allah arampagije yumva umusaba, kandi nta wundi ushobora kwizerwa utari Allah.
SUB'HANALLAHU WA BIHAM'DIHI: Ubutagatifu ni ubwa Allah kandi ni nawe ukwiye gushimwa no gusingizwa.
Akabivuga (inshuro ijana) mu gitondo cyangwa se nimugoroba cyangwa se hombi.
AS'TAGH'FIRULLAHA WA ATUBU ILAY'HI: Nicujije kuri Allah kandi musabye imbabazi (z'ibyaha byanjye).
Akabivuga (inshuro ijana).
Ibi nibyo Allah anshoboje kwandika, ndasaba Allah ko yazabigira iby'umumaro ku bandi.
Byanditswe na Muhamad A-Swalih Al Uthaymin ku wa 20-1-1418 Hijiriyat.